REPUBURIKA Y'U RWANDA

IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IGORORAMUCO
P.O BOX : 6486 Kigali
E-mail : info@nrs.gov.rw

IJAMBO RYO GUFUNGURA INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KURI GAHUNDA YO GUSUBIZA MU BUZIMA BUSANZWE ABARANGIJE AMASOMO Y'IGORORAMUCO NO KU MICUNGIRE Y'IBIGO BINYURWAMO BY'IGIHE GITO

Bayobozi Bungirije b'Uturere bashinzwe imibereho myiza,
Bayobozi muhagarariye Inzego za Leta,
Bayobozi b'Ibigo Ngororamuco Byigenga,
Bakozi ba NRS n'abandi mwese muteraniye hano,

Muraho neza!

Mbere na mbere mbanje kubashimira ko mwitabiriye ubutumire bwacu kandi mbahaye ikaze muri iyi nama nyungurabitekerezo.

Twabatumiye muri iyi nama kugira ngo tuganire kuri gahunda yo gusubiza mu buzima busanzwe abarangije amasomo y'igororamuco no ku micungire y'ibigo binyurwamo by'igihe gito bihereye mu turere twose tw'Igihugu.

Ikibazo cy'abantu bijandika mu myitwarire ibangamira abaturage nk'ubuzererezi, ibiyobyabwenge n'indi myitwarire mibi ni ikibazo gihangayikishize Leta y'u Rwanda kuko iyo myitwarire yangiza ubuzima bw'abayifite n'imiryango yabo ariko ikanasubiza inyuma iterambere ry'Igihugu.

Mu rwego rwo gushakira umuti iki kibazo cy'imyitwarire ibangamira abaturage mu Rwanda, umwaka ushize Leta y'u Rwanda yashyizeho Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Igororamuco (NRS).

Iki kigo gifite inshingano yo guhuza no gukurikirana ibikorwa byose bjyanye n'igororamuco mu Rwanda ariko by'umwihariko, NRS ifite inshingano eshatu z'ingenzi ari zo: Gushyiraho ingamba zinoze zigamije gukumira ibikorwa biganisha ku ngeso n'imyitwarire bibangamira abaturage, gutegura gahunda zirambye z'igororamuco n'izo gusubiza mu buzima busanzwe abari bafite ingeso n'imyitwarire bibangamira abaturage no gukurikirana ishyirwamubikorwa ryazo.

Kugira ngo ishyire mu bikorwa inshingano zayo, NRS iyobora Ibigo Ngororamuco bya Leta ndetse ikagenzura imikorere y'Ibigo Binyurwamo by'Igihe Gito n'Ibigo Ngororamuco by'Imiryango Itegamiye kuri Leta.

Kuva 2010 kugeza ubu, urubyiruko rurenga 16,000 rumaze kugororerwa mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa no gusubizwa mu buzima busanzwe kandi rwanahawe inyigisho z'ubumenyi n'ubumenyingiro zibafasha kwihangira imirimo iyo basubiye mu miryango yabo.

Kuva 2012 kugeza ubu kandi abana barenga 1,000 bagororewe mu Kigo Ngororamuco cya Gitagata basubizwa mu miryango.

Uretse iyi mibare, hari n'abandi bana n'urubyiruko rugororerwa mu bigo ngororamuco by'Imiryango Itegamiye kuri Leta, barangiza amasomo y'igororamuco bahabwa muri ibyo bigo bagasubira mu buzima busanzwe.

Cyakora ubushakashatsi bwerekanye ko mu gihe abarangije amasomo y'igororamuco badakurikiranwe neza ngo banafashwe gusubira mu buzima busanzwe, hari abagera hanze, ubuzima bwabagora bagasubira mu myitwarire ibangamira abaturage nk'ubuzererezi, ibiyobyabwenge, ubujura n'ibindi.

Bityo, mu rwego rwo gusubiza mu buzima busanzwe no gukurikirana abasoza amasomo y'igororamuco, NRS ifatanyije n'abandi bafatanyabikorwa cyane cyane uturere yashyizeho gahunda zitandukanye zigamije gufasha abantu barangiza amasomo y'igororamuco gusubira mu buzima busanzwe.

Zimwe muri izo gahunda ni: Amahuriro y'urubyiruko rwarangije amasomo y'igororamuco ku rwego rw'umurenge n'akarere, amahuriro y'ababyeyi b'urubyiruko rwarangije amasomo y'igororamuco ku rwego rw'akarere, komite zishinzwe gusubiza mu buzima busanzwe abasoza amasomo y'igororamuco ku rwego rw'umurenge n'akarere, koperative z'urubyiruko rwarangije amasomo y'igororamuco rukora imirimo itandukanye, guha ibikoresho abarangije amasomo y'igororamuco hakurikijwe imyuga bize mu rwego rwo kubafasha kwihangira imirimo mu gihe basubiye mu buzima busanzwe na gahunda yo kubahuza n'ibigo bitandukanye cg ba Rwiyemezamirimo mu rwego rwo kubashakira imirimo, n'izindi gahunda.

Ariko n'ubwo izi gahunda zose zashyizweho kandi hakagaragazwa inzego zose zigomba kugira uruhare mu ishyirwamubikorwa ryazo, byagaragaye ko ishyirwamubikorwa ryazo rikiri ku rwego rwo hasi. Kugira ngo izi gahunda zitange umusaruro ukenewe, birasaba ubufatanye hagati ya NRS n'inzego zose bireba, bityo tugahangana n'ikibazo cy'ubuzererezi n'indi myitwarire mibi mu buryo burambye.

Bityo, mu rwego rwo kunoza ishyirwamubikorwa rya gahunda zo gusubiza mu buzima busanzwe abasoza amasomo y'igororamuco, NRS yateguye gahunda ihuriza hamwe izo gahunda zose igamije gutanga umurongo w'uburyo ibikorwa byo gusubiza mu buzima busanzwe abasoza amasomo y'igororamuco kugira ngo birusheho kugera ku musaruro tubyitezeho.

Iyo gahunda rero ni yo twaje kurebera hamwe muri iyi nama kugira ngo buri rwego bireba rumenye ibikubiye muri iyo gahunda ndetse rurusheho gusobanukirwa icyo rusabwa mu ishyirwamubikorwa ryayo. Mboneyeho umwanya wo kubasaba kuza gutanga ibitekerezo ku buryo mubona iyo gahunda yanononsorwa kugira ngo buri rwego ruyibonemo ndetse n'ishyirwamubikorwa ryayo rizorohere buri wese kuko izaba ikubiyemo ibikorwa byemeranyijweho n'impande zose bireba.

Mbere yo gusoza, nagiraga ngo mbamenyeshe ko muri iyi nama kandi turaza kurebera hamwe uko imicungire y'ibigo binyurwamo by'igihe gito yifashe mu turere twose tw'Igihugu n'imbogamizi zikigaragara mu micungire yabyo.

Mu izina ry'ubuyobozi bwa NRS rero nizeye ko iyi nama iza kuvamo imyanzuro n'ingamba zizadufasha kurushaho kunoza imicungire y'ibyo bigo ndetse no kunoza ibikorwa byo gusubiza mu buzima busanzwe abarangiza amasomo y'igororamuco.

Murakoze,mugire amahoro y'Imana!